Yewe mwana, jya uvuga ku izina rya Allah, urishe ukuboko kwawe kw'indyo ndetse unarye ibiri imbere yawe

Hadith yaturutse kwa Umar Ibun Abi Salamat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Nari nkiri umwana muto nderwa n'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha), mu gihe cyo kurya nakoraga hirya no hino ku isahani, nuko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irambwira iti: "Yewe mwana, jya uvuga ku izina rya Allah, urishe ukuboko kwawe kw'indyo ndetse unarye ibiri imbere yawe". Kuva icyo gihe natangiye kujya ndya gutyo.

[Hadithi y'impamo] [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]

Umar Ibun Abi Salamat (Imana imwishimire we na se), akaba yari umwana w'umwe mu bagore b'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) witwaga Umu Salamat (Imana imwishimire), icyo gihe yarererwaga ku Ntumwa y'Imana; avuga ko igihe cyo kurya yajyaga arya mu mpande zose z'isahani, maze Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) imwigisha imyifatire itatu iranga uri kurya: Uwa mbere: Kuvuga Bismillah: Ku izina rya Allah atangiye kurya. Uwa kabiri: Kurisha ukuboko kwe kw'indyo. Uwa gatatu: Kurya ahereye imbere ye akarya ibimwegereye.

https://sunnah.global/hadeeth/rw/show/58120